National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4 / P.O. Box 531 Kigali - Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RIGENEWE ITANGAZAMAKURU

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 4.5%

Inama ngarukagihembwe ya Komite ya Politiki y'Ifaranga, yateranye ku wa 17 Kanama 2021, isuzuma ibyagezweho nyuma y'ingamba zafashwe mu nama iherutse, inareba uko ubukungu bwifashe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'Isi n'imbere mu Gihugu. Imaze kubona ko iteganyamibare ryerekana ko igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizaba kiri mu nsi ya 2% mu mwaka wa 2021 mbere yo kuzamuka kikagera hafi ya 5% mu mwaka wa 2022, Inama yafashe icyemezo cyo gukomeza politiki y'ifaranga yorohereza ishoramari, igumisha igipimo cy'inyungu fatizo kuri 4.5%, mu rwego rwo gukomeza gushyigikira ingufu zishyirwa mu kuzahura ubukungu.

## Ubukungu bw'Isi bwitezwe kuzamuka ku buryo bugaragara ariko butandukanye buvuye mu cyuho kitarabaho nyuma y'intambara ya kabiri y'Isi

Imibare y'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari yasohotse muri Nyakanga 2021, yerekana ko ubukungu bw'Isi buzazamukaho 6% mu mwaka wa 2021 na 4.9% mu mwaka wa 2022, nyuma yo kugabanukaho 3.2% mu mwaka wa 2020, biturutse ku ngaruka z'icyorezo cya COVID-19. Gusa haracyari urujijo ku birebana n'ahazaza h'ubukungu bw'Isi, bitewe ahanini n'itangwa ry'urukingo rwa COVID-19 rigenda biguruntege ku rwego rw'Isi, ingaruka zikomoka ku iyaduka ry'ubwoko bushya bw'ubwandu bwa Koronavirusi, n'ubusumbane mu muvuduko w'izamuka ry'ubukungu hagati y'ibihugu. Hari kandi urujijo ruturuka ku mpamvu zinyuranye harimo uburyo ingamba zafashwe zageze ku ntego, ubushobozi bwo gukumira ingaruka ziturutse hanze y'ibihugu, ndetse n'uko ubukungu bwari bwifashe mbere y'iki cyorezo.

## Ubukungu bw'Ibihugu byo mu nsi y'ubutayu bwa Sahara buzazamuka buhoro

Bwa mbere mu myaka 25 ishize, ubukungu bw'Ibihugu byo mu nsi y'ubutayu bwa Sahara bwaguye mu cyuho ku kigero cya 1.8% mu mwaka wa 2020. Muri uyu mwaka, ubukungu bw'ibi bihugu bugenda buzanzamuka ku buryo bwitezwe kuzamukaho 3.4% muri rusange mu mwaka wa 2021 na 4.1% mu mwaka wa 2022. N'ubwo ubukungu bw'aka gace buteganyijwe kuzamuka, ahanini bitewe n'ingaruka nziza zivuye ku izamuka ry'ubukungu bw'Isi, umuvuduko w'izamuka uzaba uri ku kigero cyo hasi ugereranyije n'utundi duce tw'Isi. Ibi bikaba biterwa ahanini no kutabona inkingo zihagije za COVID-19, ubushobozi buke bw'imari ya Leta, n'uko ingamba za politiki y'ifaranga zitinda kugera ku ntego yazo bitewe n'imiterere y'ubukungu bw'ibi bihugu.

**Ubukungu bw'imbere mu Gihugu bwitezweho kuziba icyuho cyatewe n'ingaruka z'icyorezo cya COVID-19**

Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kuzanzamuka no kuziba icyuho bwatewe n'icyorezo cya COVID-19, bitewe n'ingamba zihamye za politiki y'imari ya Leta n'iza politiki y'Ifaranga ya Banki Nkuru y'u Rwanda. Mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2021, umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu wiyongereyeho 3.5% nyuma y'ihungabana mu bihembwe bitatu bya nyuma by'umwaka wa 2020. Iri zanzamuka ryaturutse ahanini ku musaruro wavuye mu buhinzi wiyongereho 6.8% nyuma y'ihungabana ku kigero cya 0.5% mu gihembwe cya mbere 2020, hamwe n'umusaruro w'urwego rw'inganda wiyongereyeho 9.7% uvuye kuri 1.9% gusa mu gihembwe cya mbere 2020. Biteganyijweko umuvuduko mu izamuka ry'ubukungu uzakomeza kwiyongera nk'uko bigaragazwa n'igipimo cyihuse Banki ikoresha mu gusuzuma uko ubukungu bw'Igihugu buhagaze, cyazamutseho 32.4% mu gihembwe cya kabiri 2021 nyuma y'izamuka rya 12.7% mu gihembwe cya mbere cy'uyu mwaka.

**Inyungu amabanki agurizanyaho ntizahindutse cyane**

Bijyanye n'igabanuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR, igipimo cy'inyungu amabanki agurizanyaho cyagabanutseho iby'ijana 26 kigera kuri 5.19% mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka 2021 ugereranyije n'amezi atandatu ya mbere y'umwaka ushize. Muri iki gihe kandi, igipimo cy'inyungu ku nguzanyo cyagabanutseho iby'ijana 34 kigera kuri 15.91%, nk'uko bigaragazwa n'ibipimo by'inyungu ku nguzanyo zahawe abantu ku giti cyabo n'izahawe ibigo by'ubucuruzi byagabanutse.

**Ingano y'amafaranga akoreshwa mu gihugu ntiyahungabanyijwe n'ingaruka za COVID-19**

Mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2021, igipimo cy'amafaranga yose akoreshwa mu Gihugu, cyiyongereyeho 17.3% ugereranyije n'igihembwe cya kabiri cy'umwaka ushize, ubwo kiyongeragaho 18.9% ugereranyije n'igihembwe nk'icyo cya 2019. Muri iki gihe kandi, inguzanyo ku bikorera ziyongereyeho 19.1%, ugereranyije n'izamuka rya 14.4% mu gihembwe nk'iki umwaka wa 2020. Iri zamuka ryatewe n'inguzanyo nshya zatanzwe, hamwe n'izindi ngamba nzahurabukungu zafashwe.

**Nta mpinduka zikabije zabaye ku isoko ry'ivunjisha**

Mu gihe cy'amezi arindwi ya mbere y'umwaka wa 2021, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugereranyije n'idolari ry'Amerika, kagabanutseho 1.80%; mu gihe nk'iki cy'umwaka wa 2020, kari kagabanutseho 2.29%. Mu mwaka wa 2021, nta hindagurika rikabije riteganyijwe ku isoko ry'ivunjisha kuko ubwizigame mu madovizi Banki Nkuru ifite bubasha gufasha Igihugu mu gutumiza ibintu mu mahanga mu gihe cy'amezi agera kuri atanu.

**Igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kitezwe kuba hasi ya 2% mu mwaka wa 2021, mu mwaka wa 2022, kikazaba hafi y'igipimo fatizo BNR yihaye cya 5%**

Mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2021, umuvuduko w'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko waragabanutse ugera kuri 0.7% uvuye kuri 2.1% mu gihembwe cya mbere cy'uyu mwaka. Ibi bikaba byaratewe ahanini n'umusaruro mwiza wabonetse mu bihembwe by'ihinga A na B by'uyu mwaka wa 2021, byatumye ibiciro by'ibiribwa bigabanuka. Iri gabanuka ryaturutse kandi ku biciro byo gutwara abagenzi mu buryo bwa rusange biri hasi cyane ugereranyije n'uko byari biri mu gihe nk'iki cy'umwaka wa 2020. Ikindi kandi, izahuka ry'ibikorwa by'ubukungu riracyari ku kigero kitateza izamuka rikabije ry'ibiciro. Hagendewe ku buryo ubukungu bw'Igihugu n'ubw'Isi bwifashe, n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere ndetse n'impinduka ku biciro ku isoko by'ibicuruzwa by'ibanze, igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kitezwe kuba kuri 0.7% mu mwaka wa 2021 no kuri 5.6% mu mwaka wa 2022.

Komite ya Politiki y'Ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe, imbere mu Gihugu no hanze yacyo, kandi yiteguye gufata ingamba zikwiye, igihe bizaba ngombwa.

Ku wa 17 Kanama, 2021

Digitally signed by BNR(GOVERNOR)
Date: 2021.08.18 09:15:24 +02'00'

**RWANGOMBWA John**

**Guverineri akaba**

**n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**